



**RWANDA FDA**

Rwanda Food and Drugs Authority

**P.O. Box 84 Kigali**

**info@rwandafda.gov.rw**

**[www.rwandafda.gov.rw](http://www.rwandafda.gov.rw)**

**Abacuruza imiti isukura intiki(Bose)**

**Abaturarwanda(Bose)**

**Impamvu: Guhagarika icuruzwa n'ikoreshwa ry'umuti usukura intoki (Hand Sanitizer) witwa "Lime Fresh hand sanitizer and disinfectant" (Isopropyl alcohol based) ukorwa na Lime Fresh Family Ltd, Limex Falcon**

Hashingiwe ku itegeko N° 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), mu ngingo ya 8 igika cya kabiri 2 n'icya 13; Hashingiwe ku mabwiriza y'umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (WHO) ndetse n'amabwiriza ngenderwaho N° DIS/GDL/026 yatangajwe ku itariki 16/03/2020 ajoye n'ikorwa ry'imiti isukura intoki ikozwe muri alukolo (Alcohol based hand sanitizer) aho agaragaza ko mu bihe byo kwirinda icyorezo cya COVID-19, iyo miti isukura intoki igomba kuba irimo alukolo yo mu bwoko bwa etanolo (Ethanol) ku kigero kiri hagati ya 70%-80% cyangwa Isopropile alukolo (Isopropyl alcohol) ku kigero cya 75%.

Dushingiye ku bipimo bya Laboratwari byakozwe na Rwanda FDA, byagaragaje ko uyu muti wa "Lime Fresh hand sanitizer and disinfectant (Isopropyl alcohol based)" utujuje ibisabwa. Rwanda FDA ihagaritse icuruzwa n'ikoreshwa ry'umuti usukura intoki urangwa n'ibi bikurikira:

<b>Izina ry'umuti</b>	<b>Numero y'umuti</b>	<b>Igihe wakorewe</b>	<b>Igihe uzarangirira</b>	<b>Uruganda rwawukoze</b>
Lime Fresh hand sanitizer and disinfectant (Isopropyl alcohol based)	157	31/03/2020	31/03/2022	Lime Fresh Family Ltd, Limex Falcon

**Ingamba zafashwe:**

1. Rwanda FDA iramenyesha abantu bose, baba abakoresha, abagurisha n'abakwirakwiza iyo miti bakiyifite mu bubiko, guhagarika kuyikoresha, kuyikwirakwiza no kuyisubiza aho bayiguriye;
2. Rwanda FDA iributsa ko ntawemerewe gukora umuti usukura intoki atabihereye uburenganzira;
3. - Rwanda FDA yongeye kwibutsa ko mu gukora imiti isukura intoki hakoreshwa alukolo yo mu bwoko bwa etanolo (ethanol) cyangwa Isopropile alukolo (Isopropyl alcohol) ku kigero cyagenwe nk'uko bigaragara mu mabwiriza ngenderwaho N° DIS/GDL/026 ku ikorwa ry'imiti

isukura intoki (hand sanitizers) ikozwe muri alukolo

<http://www.rwandafda.gov.rw/web/fileadmin/HANDSAN.pdf>

4. Rwanda FDA iributsa abagura n'abakoresha imiti isukura intoki kubanza kugenzura amakuru ari ku icupa riguriwemo uwo muti, bakitegereza neza ko nibura ugaragaza ibi bikurikira:
  - a) Ingano ya etanolo iri ku kigero cyiri hagati ya 70%-80% (ethanol) cyangwa Isopropile alukolo (Isopropyl alcohol 75%) n'ibindi by'ingenzi harimo glycerin na hydrogen peroxide.
  - b) Nimero iyiranga (batch number), itariki yakozweho n'igihe izarangirira (manufacturing and expiry dates)
  - c) Izina ry'uruganda rwayikoze naho ruherereye

Icyitonderwa: Ku bindi bisobanuro ndetse no kuduha amakuru mwahamagara kuri **0789193529**

Tubashimiye ubufatanye bwiza,

**Dr. Charles KARANGWA**  
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

**AMAFOTO Y'UMUTI UHAGARITSWE**

**RWANDA FDA**  
Rwanda Food and Drugs Authority

**HAND SANITIZER**  
and disinfectant

**Ingredients:**

- 94% Ethanol
- Hydrogen peroxide 6%
- Glycerin 0.5%
- Aloe Vera gel 0.5%
- H<sub>2</sub>O 2.5%
- Lemon Juice 5%

Made with care  
by **l i m e x Falcon**  
ltd  
Kigali, Rwanda

Made in Rwanda  
Lime x Falcon  
P.O. Box 1164 Kigali-Rwanda  
Tel: +250 788 353 307  
+250 788 453 307  
info@limefresh.com  
www.limefresh.com



Manu Date: March 31, 2020  
Exp Date: March 31, 2022  
Lot #: 157